

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

GAHUNDA YA VUP (Vision 2020 Umurenge Program)

VUP ni imwe muri gahunda za Leta yo gukura abaturage mu bukene, ikaba igizwe n'inkingi eshanu z'ingenzi:

- Inkunga y'ingoboka (Direct support)
- Imirimo rusange iha abantu benshi akazi (Public works)
- Inguzanyo (Financial services)
- Expanded Public works (ePW)
- Minimum Package for Graduation

1. DIRECT SUPPORT

Ni inkunga y'ingoboka y'amafaranga ihabwa imiryango iri mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe, DS ikaba ibarizwa mu Mirenge yose y'akarere ka Ngoma uko ari 14, iyo miryango ikaba nta muntu numwe uyibamo ushoboye gukora, itangwa guhera ku myaka 65 kuzamura ariko no munsi yiyo myaka abantu bashobora kuyihaba kubera ubumuga, indwara zidakira... Amafaranga umuryango uhabwa abarizwa hagati ya **7,500frw** na **21,000frw**

- Umuryango ufite umuntu 1: 7,500
- Umuryango ufite abantu 2: 12,000
- Umuryango ufite abantu 3: 15,000
- Umuryango ufite abantu 4: 18,000
- Umuryango w'abantu 5 no kurenzaho: 21,000

NB: Ubu abagenerwabikorwa 2450 barabona ingoboka, ariko bashobora guhinduka kuko hari abandi bagikorerwa isuzumwa ku buryo hari abashobora kuvamo ndetse n'abandi bashobora gushyira ku rutonde mu kwezi kwa Werurwe 2017 bagatangira guhembwa nabo.

**IMBONERAHAMWE YEREKANA IMIBARE Y'ABAGENERWABIKORWA BA DS
BABONA INGOBOKA**

UMURENGE	UMUBARE W'ABAGENERWABIKORWA
GASHANDA	119
JARAMA	280
KAREMBO	171
KAZO	208
KIBUNGO	108
MUGESERA	152
MURAMA	193
MUTENDERI	183
REMERA	168
RUKIRA	122
RUKUMBERI	184
RURENGE	235
SAKE	198
ZAZA	129
TOTAL	2450

2. PUBLIC WORKS

Ni imirimo rusange ihabwa abantu bensi, ikaba ihabwa abantu bo mu miryango yo cyiciro cya mbere cy'ubudehe 2015 byibura bafite umuntu umwe ushobora gukora. PW ikorera mu Mirenge 9 y'Akarere ka Ngoma ariyo:

UMURENGE	IGIKORWA KIRI KUHAKORERWA
JARAMA	Gukora Umuhanda 5km(Baratangiye)
KAREMBO	Gukora amaterasi 30 ha (ntibaratangira bazatangira 15/2/2017
KAZO	Gukora umuhanda Birenga –tunduti 5km (baratangiye)
MUGESERA	Gukora umuhanda Nyamugari-Akabungo 5km(baratangiye)
MUTENDERI	Uyu mwaka nta PW iriyo (amafaranga yaho yashyizwe mu kubaka IDP Model)
RUKUMBERI	Gukora umuhanda 5km(ntibaratangira kubera ko amafaranga ataraza)
RURENGE	Gukora amaterasi 30 ha (baratangiye)
ZAZA	Gukora umuhanda Mpembwe –Rugarama 5km (baratangiye)

Amafaranga y'umubyizi ni **1,200 frw**, kandi buri wese agomba gukora byibura iminsi **72** ku mwaka, kandi bagahembwa nyuma ya buri byumweru bibiri.

3. FINANCIAL SERVICES

Ni inguzanyo zihabwa abantu bo mu cyiciro cya 1,2,3 cy'ubudehe bwa 2015 kugirango bashyire mu bikorwa imishinga yabo baba bakoze. Iyi nguzanyo itangwa ku muntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu cyangwa se Koperative isanzwe ikora. Buri Murenge ukaba uhabwa miliyonu ijana (100,000,000frw) aya mafaranga atangwa yishyurwa yongera gutangwa (Revolving funds) kandi aba yemerewe gusa abantu bo muri uwo Murenge.

- Umuntu ku giti cye ahabwa 100,000frw

- Itsinda rihabwa :1,500,000frw
- Itsinda rigizwe n'urubyiruko cya 70% ari abagore rihabwa :2,000,000frw

FS ikorera mu Mirenge ya:

UMURENGE	IGIHE FS YATANGIRIYE
GASHANDA	2009-2010
JARAMA	2014-2015
KAREMBO	2012-2013
KAZO	2010-2011
MUGESERA	2013-2014
MUTENDERI	2014-2015
RUKUMBERI	2012-2013
ZAZA	2009-2010

NB: kuva 2009-2014, amafaranga yatangwaga na komite y'Umurenge ku nyungu ya 2%, ariko kuva 2015 aya mafaranga yashyizwe muri SACCO aho inyungu nayo yazamuwe ikagera kuri 11%.

Ubu Umurenge ukora ubukangurambaga abaturage bagakora imishinga bakayishyikiriza Umurenge nawo ukareba ko imishinga yujuje ibyangombwa bakayishyikiriza SACCO , Komite ya SACCO ikiga izo nguzanyo igasura ingwate noneho bakemeza cyangwa bakayihakana, bityo iyo bemeje bagahita bayiha amafaranga. Umushinga utangira kwishyura bitewe n'ubwoko bwawo ariko igehe gito cyo hasi cyo gutangira kwishyura ni amezi 3.

4. EXPANDED PUBLIC WORKS

Ni imirimo ihabwa abantu bo mu miryango y'icyiciro cya mbere cy'Ubudehe 2015 ariko idashobora gukora muri classic PW kubera impamvu zitandukanye zirimo imiryangwa ifite

abana bato ku buryo batabona uwo babasigira, imiryango irimo abafite ubumuga cyangwa abafite indwara zidakira bagomba kwitabwaho...Iyi gahunda ikaba iri mu igerageza aho iri gukorera mu Murenge umwe muri buri karere, Ngoma ikaba iri mu Murenge wa Kazo, abagenerwabikorwa bayo ni 212, bakaba bagomba gukora byibura iminsi 10 mu kwezi.

5. MINIMUM PACKAGE FOR GRADUATION (MPG) IKORERA MU MU RENGE WA KAZO

Ni gahunda ikiri mu igeragezwa, ikaba ari gahunda yo gukurikirana umugenerwabikorwa mu bujyanama ndetse no kumuha ubushobozi kugirango ashobore kwikura mu bukene mu gihe cy'emyaka itatu. Iyi gahunda ireba abagenerwabikorwa b'inkunga y'ingoboka, PW na ePW, aho bagirwa inama yo gukoresha neza inkunga babona cyangwa amafaranga bahembwa ndetse abakora muri PW bagahabwa namatungo magufi atatu atarengeje 80,000frw. Ubujyanama n'ikurikiranabikorwa bikorwa n'ABAHWITUZI B'AMAJYAMBERE, ubu dufite 16 mu Murenge wa Kazo aho buri muhwituzi akurikirana imiryango iri hagati ya 35-70.

IMBONERAHAMWE Y'IMIBARE Y'ABAGENERWABIKORWA BA PW

DS/FARG	78
PW(Classic)	553
ePW	212
DS/VUP	321
TOTAL	1,164

FARG

FARG igira gahunda zitandukanye zirimo:

- Inkunga y'ingoboka isanzwe (Direct support) ya 7,500 frw ihabwa imiryango 998
- Inkunga y'ingoboka idasanzwe (Special direct support) ya 30,000frw ku kwezi ihabwa ababyeyi bagizwe Incike na Jenoside n'abandi bageze muzabuku
- Gusana no Kubaka amazu y'abagenerwabikorwa (kuva 2013-2014 kugeza 2015-2016) Akarere ka Ngoma kasannya amazu 34 kanongera kubaka bushya amazu 46 muri uyu mwaka wa 2016-2017 turi kubaka bushya amazu 16.
- Kwishyura amafaranga y'ishuri: FARG yishyura amafaranga y'ishuri ku banyeshuri biga mu bigo bya Leta ndetse n'ibigo byigenga bifitanye nayo amasezerano. Ibyo bigo ni: ES Musamvu, IPRC East, GS kabare, TTC Zaza, Lycee Zaza, ASPEK/ISA, EAV-Gitwe.
- Gutanga inka ku bagenerwabikorwa aho buri mwaka itanga inka ziri hagati ya 30-40 mu mwaka wa 2015-2016 abagenerwabikorwa 30 borojwe inka naho 2016-2017 abagenerwabikorwa 40 bazorozwa inka

UBUDEHE

Gahunda y'ubudehe ni gahunda yo gutera inkunga Imishinga rusange y'Imidugudu ndetse n'Imishinga y'abantu ku giti cyabo bo mu Midugudu, Imidugudu 473 kuri 473 igize Akarere yagezwemo na gahunda y'Ubudehe, naho abantu ku giti cyabo 1512 bamaze guhabwa inkunga y'ubudehe kuva 2012 kugeza 2016, aho umushinga w'Umuntu ku giti cya uterwa inkunga iri hagati ya 50,000-60,000frw, naho imishinga y'imidugudu ikaba iterwa inkunga iri hagati ya 209,000 na 60,000frw. Imishinga y'ubudehe yibandwaho yaba ku Midugudu cyangwa abantu ku giti cyabo niyo korora amatungo magufi.